

Wellars
155
YI.-

Gisenyi, le 26/07/1982.

Monsieur le Chancelier des Ordres
Nationaux
KIGALI.-

*Impamvu:* Curriculum vitae
n'amafoto 2.

Nyakubahwa,

Turabaramutsa.

Dukulikije Ibarwa yanyu n° 17/01.25 yo kuwa 13 Nyakanga 1982, tuboherereje umwirondoro wacu. ( Curriculum vitae ) n'amafoto 2 mwadusabye.

- Jye BANZI Wellars, mwene NTIBANYURWA na KAMENYERO , navutse muwa 1927; muli Selire Kaniga, Segiteri Gisa, Komini Rubavu muli Republika y'u Rwanda, ali naho ntuye, Prefectura Gisenyi.

- Muwa 1947 nabaye Capita Vendeur nkolera Abahinde (mu bucuruzi) 1953 ntangira kwikolera umwuga w'Ubucuruzi kugez'ubu.

- Muwa 1957 nabaye umwe mubasinye Manifeste y'Abahutu yavugaga icyo Abahutu bifuzaga k'Ubutegetsi bwaliho.

- Muwa 1960 nabaye S/Chef w'agateganyo hanyuma mba Bourgmestre, nabaye Député na Bourgmestre mbifatanyije kugeza 1967, nyuma nkomeza kuba Député kugeza 4/07/1973.

- Kuva muwa 1957 kugeza kuwa 4/07/1973, icyo gihe cyose nayoboraga ishyaka rya Parmehutu muli Préfectura yose ya Gisenyi ( nali Secrétaire-Régional wa M.D.R. Parmehutu).

- Nabaye Président wa Commission y'Imali y'i Gihugu (Commission des Finances) Imyaka 10;

- Imyaka 10 muli Assemblée Nationale nali umwe mubali muli commission yazengurutse u Rwanda muwa 1964 nuwa 1967, tureba aho igihugu kigeze n'abagituye (Commission d'enquête).

- Muwa 1972 nagiye mu butumwa muli Chine no muli Zaïre, muli icyo gihe cyose nali mfite abagore babili, ubu mfite abana 22, Umunani mulibo barashatse, barubatse none nsigaranye imuhira 14. Nakomeje kuba Umucuruzi kuva muli icyogihe cyose kugeza ubu.

Taliki ya 1/07/1982 nibwo Nyakubahwa Président wa Republika Général-Major HABYARIMANA Juvenal yanshyize mu mubare wabakwiye Umudali w'ishimo, awunyambika taliki ya 5/07/1982.

BANZI Wellars.-